

Nabonye urukingo COVID-19. Ubu icyo?

URUKINGO RUFATA IGIHE KINGANA IKI KUGIRA NGO RUKORE?

Inkingo zose zitangira kukurinda ukimara kuzihabwa, harimo n'urukingo rwa mbere. Ufatwa ko wakingiwe neza COVID-19 guhera mu byumweru bibiri nyuma yo guhabwa urukingo rwa kabiri rwa Pfizer-BioNTech cyangwa Moderna cyangwa nyuma y'ibyumweru bibiri umaze guhabwa urukingo rutangwa rimwe rwa Johnson & Johnson.



KUBERA IKI NKENEYE KUGARUKA KUGIRA NGO MPABWE URUKINGO RWA KABIRI?

Ikigo cya FDA cyemeje inkingo za Pfizer-BioNTech na Moderna zisaba ko hatangwa inkingo ebyiri kugira ngo haboneke ubudahangarwa bushoboka.

2X

NSHOBORA GUSURA UMURYANGO WANJYE N'INSHUTI ZANJYE?

Mu gihe nta rukingo rutanga ubudahangarwa 100%, inkingo zose zihari zikingira COVID-19 zikora ku rwego rwo hejuru. Hakurikijwe inama zitangwa n'ikigo cya CDC, abantu bahawe inkingo zose bashobora gusura abandi bantu bahawe inkingo zose bari mu nzu batambaye agapfukamunwa cyangwa ngo bahane intera. Unashobora gusura abantu batari bahabwa urukingo bo mu rugo rumwe bafite ibyago byike byo kurembywa n'indwara ya COVID-19 nta kwambara agapfukamunwa cyangwa gusiga intera hagati yawe n'abandi. Abantu bahawe inkingo zose bakomeza kwirinda igihe basura abantu batahawe inkingo bafite ibyago byinshi byo kurembwa n'indwara ya COVID-19 n'igihe bari gusura abantu batahawe inkingo bo mu ngo nyinshi.



NDACYAKENEYE KWAMBARA AGAPFUKAMUNWA NO GUSIGA INTERA HAGATI YANJYE N'ABANDI MU RUHAME?

Yego. Nk'uko abantu benshi bategereje urukingo, biracyari ngombwa ko abantu bambara agapfukamunwa no gusiga intera ihagije hagati yabo n'abandi kugira ngo hirindwe ikwirakwira rya virusi. Abakozi bashinzwe ubuzima rusange bagereranya ko 70-85% by'abaturage bakeneye guhabwa urukingo kugira ngo hahagarikwe ikwirakwira.



URUKINGO RUMARA IGIHE KINGANA IKI?

Inzobere mu by'ubuvuzi ziri gukurikirana ubudahangarwa abantu bahawe inkingo bafite kugira ngo zimenye igihe kurindwa virusi bimara.

